	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR147I156v0
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : AMASAKA		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI / MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2002

Umubare w'amapagi	3

IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : AMASAKA

1. Aho akunda: Akarere k'urubuye, Mayaga, Bugesera, Umugongo, Umurambi w'iburasirazuba, Umukenke w'iburasirazuba, Uturere twegereye ibirunga hasi ya m 2.200 z'ubutumburuke.

2. Ubutaka: bw'ibumba rivanze n'umucanga, kandi bw'isi ndende

3. Ubwoko: Ikinyaruka,Tura, 5D x 160, Kigufi, BM10, BM27, BM1, Amasugi, Kebo
(SVR 157)

4. Ifumbire y'ibibora: Kg 100-200 kuri ari, igihe cy'itabira

5. Igihe cy'itera: - Ukuboza: imisozi miremire (Buberuka, Gikongoro)
- Mutarama: imisozi itumburutse buhoro: amasaka yera vuba
- Gashyantare : mu turere tw'imisozi migufi bagakoresha amoko yera vuba

6. Igerambuto: g 300 kuri ari 1, bagatera kuri cm 60 hagati y'imirogo na cm 40 mu mirongo. Batera intete 5 mu kobo. Bashobora no gutera ku mirongo ihurutuye itandukanijwe na cm 60. Iyo harimo amazi ahagije, ingemwe 9 kuri m 1 y'umurongo ni ukuvuga ingemwe 150.000 kuri hegitari.

7. Kuyakenura: - kubagara, afite cm 10 z'uburebure
- gusukira no kwicira, afite cm 30. Mu mwobo basigamo amasaka 2. Mu yandi magambo, kubagara hashize ukwezi ubibye, gusukira hashize amezi 2.

8. Ifumbire y'imvaruganda: Kg 2,5 za NPK 17-17-17 kuri ari cyangwa Kg 1 DAP 18-46-0, amaze kumera cyangwa mu itera + Kg 0,5-0,75 ya Ire hashize ibyumweru 6-7 atewe.

9. Indwara n'udukoko:

a) Urugombyi:

Ikirutera: **Sphacelia (Urugombyi**)
Aho rufata: ku mahundo
Ibimenyetso: amasaka yenda kwera neza; ku mahundo hazaho ibintu bisa n'isine biza kwirabura nyuma. Hanyuma bihinduka igitembabuzi kirenduka kimatira kandi kiryoshye nk'isukari, ni rwo rugombyi.
Uko barurwanya: guhinga amoko adakunda kururwara

b) Isazi y'amasaka:

Irindi zina: **Atherigona soccata (agakoko)**
Aho ifata: umwumba
Ibimenyetso: amasaka akimera aruma

Kuyirwanya: ubwoko budakunda kuyirwara, gutwika amasaka yafashwe

c) Cécidomyie y'amasaka:

Irindi zina: **Cantarinia sorghicola** (isazi)
Aho ifata: ku mahundo
Ibimenyetso: amahundo yafashwe azana impeke intarutaru cyangwa ntagire izo azana
Kuyirwanya: - guterera rimwe kandi kare
- gutwika imishishi nyuma y'isarura

d) Inanda:

Irindi zina: **Agrotis segetum (agakoko)**
Aho ifata: hagati y'imizi n'igihimba
Ibimenyetso: ica ishaka mo kabiri hagati y'imizi n'igihimba
Uko irwanywa: Dursban 5%G : 15 à 20 Kg/Ha

e) Rwona (icyatsi kibi) = Striga

Uko iteye: ni icyatsi gifite uburebure bwa cm 25 kugeza kuri 30. Ni ikiririzi cy'imizi y'amasaka n'ibindi binyampeke; gifite igihimba gikunda kugaba udushami twinshi vuba kandi cyera utubuto twinshi cyane.
Kuyirwanya: - kuyirandura mbere y'uko yera imbuto
- gufumbira cyane no gusimburanya amasaka na soja cyangwa ubunyobwa

10. Iminsi yerera: kuva ku mezi 4 kugeza kuri 7, bitewe n'ubwoko

11. Umurumbuko: Kg 30 - 40 kuri ari mu buhinzi bwa kijyambere

12. Kuyahunika: - gukoresha malatiyo 2%; g 100 kuri Kg 100 z'amasaka
- Agitelike 2% : g 100 kuri Kg 100 z'amasaka
- Super grain Dust : 50 g muri Kg 90 z'amasaka